Unity Club

*"Towards a common goal"*

# RAPORO Y'IHURIRO RYA 13 RYA UNITY CLUB *INTWARARUMURI*

INGORO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

Kigali 31 Ukwakira 2020

# RAPORO Y'IHURIRO RYA 13 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

*"Ndi Umunyarwanda:*

*Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kwacu"*

**INGORO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**

**Kigali 31 Ukwakira 2020**

# I. IRIBURIRO

Kwimakaza "**UBUNYARWANDA"**, ni umurage u Rwanda rwahitiyemo abarwo, uyu munsi n'ejo hazaza. Kugira ngo u Rwanda rube Igihugu cyunze ubumwe kibereye buri wese, ni ngombwa gusigasira Ubunyarwanda, kubuteza imbere no kubutoza abato n'abakuru.

Umuryango Unity Club wiyemeje gukomeze gutanga umusanzu wawo mu bikorwa bigamije kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge.

Mu buryo bw'umwihariko, amahuriro ngarukamwaka ategurwa n'Umuryango Unity Club Intwararumuri mu bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge atanga urubuga rw'ibiganiro bigamije gusigasira ubumwe no kurinda Igihango cy'ubunyarwanda.

Mu Ihuriro rya 13 ryateraniye mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko ku wa 31 Ukwakira 2020, rigahuza abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri n'abandi batumirwa, ryagarutse ku nsanganyamatsiko y' Ihuriro rya 12 igira iti:" Ndi **Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kwacu***".*

Kugaruka kuri iyi nsanganyamatsiko ni uburyo bwo kwiha umwanya wo kwibaza, gusesengura no kurushaho kunoza uburyo Ndi Umunyarwanda yashinga imizi mu buzima bw'Abanyarwanda, uyu munsi n'ejo hazaza.

Ni mu rwego kandi rwo gukomeza kuzirikana inkingi eshatu *Ndi Umunyarwanda* yubakiyeho ari zo:

Kwiyumvamo ubunyarwanda (The Rwandan Spirit), komora ibikomere by'amateka no kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda; tugamije ko bitura mu mutima, bigahinduka umuco ukwiye kuranga buri Munyarwanda mu buzima bwe bwa buri munsi, mu mitekerereze, bikaranga imikorere ye, aho ari hose.

## I.1. INTEGO Z'IHURIRO RYA 13

### Intego rusange:

Gukomeza kubaka Ndi Umunyarwanda, igatura mu mutima, ikagenga ubwenge n'imitekerereze, ikaranga imikorere no kuzuza inshingano, bigahinduka ukubaho kwacu mu ntambwe dutera dushyize hamwe twubaka u Rwanda twifuza, tukazabiraga ababyiruka.

### Intego zihariye:

1. Gufata umwanya wo kurebera hamwe uburyo *Ndi Umunyarwanda* yadufasha kuba abagenga b'amateka yacu, kumenya guha agaciro ibyagezweho no kwigenera ibitubereye nk'Abanyarwanda, tudahungabanywa n'ibituruka hanze y'u Rwanda.
2. Kubaka ubudahangarwa (resilience) bw'urubyiruko binyuze mu biganiro bibahuza n'abakuru, bigamije kubasobanurira agaciro k'u Rwanda n'Ubunyarwanda.
3. Kunoza no gutanga imirongo migari y'inzira ikwiriye mu gufasha umuryango kuba igicumbi cy'Ubunyarwanda.

### I.2. UMUSARURO WARI UTEGEREJWE

1. Abitabiriye Ihuriro rya 13, barushijeho kumva Ndi Umunyarwanda nk'imbaraga zo kubaka ubudahangarwa bw'u Rwanda.
2. Ihuriro rya 13 rifunguye urubuga rw'ibiganiro hagati y'abakuru n'ababyiruka, basangiye ibitekerezo n'ubuhamya kugira ngo *Ndi Umunyarwanda* igenge ubuzima bwabo, aho batuye, aho bakora n'uko bafatanya kuyinjiza mu mibanire y'Abanyarwanda.
3. Ihuriro rya 13 ritanze urubuga rwo gushimangira ko umuryango ukwiye kuba igicumbi cy'ubunyarwanda.

## II. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO

Kubera ibihe bidasanzwe Igihugu cyacu ndetse n'isi yose birimo byo kurwanya no kwirinda Covid-19, hubahirizwa amabwiriza yashyizweho n'inzego z'ubuzima, Ihuriro rya 13 ryakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga, Radiyo na Televiziyo by'Igihugu n'imbuga nkoranyambaga.

Abatumirwa mu Ihuriro ku rwego rw'Igihugu bahuriye mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, barimo Abanyamuryango ba Unity Club n'abandi bayobozi batandukanye mu Nzego z'Igihugu, abayobozi b'amadini, abayobozi ba sosiyete sivile, Abahagarariye abikorera n'urubyiruko, bose hamwe bagera kuri 280.

Abandi batumirwa bahuriye kuri site zari ziteganijwe ku rwego rw'Intara (Rwamagana: Abatumirwa 33, Huye: Abatumirwa 30, Karongi: Abatumirwa 32 na Gicumbi:

Abatumirwa 31). Hari kandi na site za diaspora aho Abanyarwanda baba mu mahanga bahuriye kuri ambassade z'u Rwanda zikurikira: France, Belgique, Chine, Egypte, Zambia, Coree du Sud, India,… Abakurikiye Ihuriro kuri buri Ambasade bagera kuri 50.

## II.1. GUTANGIZA IHURIRO



*H.E Jeannette KAGAME – Umuyobozi mukuru wa Unity Club Intwararumuri atangiza ihuriro hifashishijwe ikoranabuhanga*

Ihuriro rya 13 ryatangijwe n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME, hifashishijwe ikoranabuhanga, mu ijambo rikuru rikubiyemo inyigisho n'impanuro.

Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame yatangiye ashimira abitabiriye Ihuriro rya 13 ribaye mu bihe bikomeye by'icyorezo cya Korona virusi. Yagize ati: "*Muri iki gihe dukomeza guhangana n'icyorezo cya koronavisuri, byatweretse ko, igihe dushyize imbere ubumwe bwacu, bidufasha guhangana n'ibihe bikomeye cyangwa bidasanzwe*".

Yafashije abari mu Ihuriro kugaruka ku rugendo rwa Ndi Umunyarwanda nk'igitekerezo-ngenga cy'ukubaho kuri bo ubwabo, ku miryango yabo no kubo bayobora, basesengura ibyagezweho n'ibigomba kugarukwaho mbere yo gukomeza urugendo, agira ati: "*Kuba Intwararumuri no kuba umuyobozi, bisaba iteka guhora wikebuka, kugirango urebe ko ukimurikiye abo uyobora cyangwa abana bakureberaho*".

Yasabye kandi abitabiriye Ihuriro kwikebuka bagafata umwanya wo kwisuzuma harebwa niba iki gitekerezo gikomeje kugenga ukubaho kwacu no kubana nk'Abanyarwanda, buri wese azirikana ibibazo bikurikira: *« Ese umuryango wacu waba koko ari igicumbi cya Ndi Umunyarwanda? Ese tuganiriza abana bacu dute? Tubabwira Ubunyarwanda nk'isano yacu? Tubakundisha dute igihugu cyacu kugira ngo kize ku mwanya wa mbere mu mitekerereze n'imigirire yabo? »*

Kugira ngo "**Ndi Umunyarwanda"** ikomeze ibe igitekerezo-ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda, urukingo rw'abato n'ingabo irinda u Rwanda, Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame yasabye urubyiruko gukomera ku bumwe, yifashishije ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

bwagaragaje ko ababyeyi bagira uruhare mu kwigisha abana ingengabitekerezo ya Jenoside kandi ko urubyiruko rufite ubumenyi buke ku mateka y'u Rwanda, by'umwihariko kuri jenoside yakorewe Abatutsi aho yagize ati: "*Nimutinyuke, mwange ikibi, kabone n'ubwo cyaba kivugwa n'umuntu mukuru, cyangwa mufitanye isano. Mukomere ku bumwe, muzirikane u Rwanda igihe cyose, musesengure ibibazo twagize, kandi tubizeyeho kuzaba umuti n'igisubizo kirambye cyabyo."*

Yibukije Abanyarwanda n'abanyamuryango ba Unity Club by'umwihariko, ko hari byinshi twanyuzemo bikomeye, bituruka ku ngaruka z'amateka yacu. Ariko twahisemo kuba umwe, twemera kunywa umuti usharira. Uwo muti kandi, wadufashije gutwara urumuri rwa Ndi Umunyarwanda nk'igitekerezo-ngenga cy'ukubaho kwacu kandi ko urugendo rugikomeje!

Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame yagarutse ku mateka yacu avuga ko icyakunze kugaragara nk'igitanya Abanyarwanda ari amoko ariko kandi ko n'uyu munsi ubifitemo inyungu atabura ibindi yakoresha ngo ace Abanyarwanda mo ibice. Yabivuze muri aya magambo: "*Bimaze kuba umuco, ko buri gihe iyo tudadiye, twesa imihigo, ni bwo amajwi nyangarwanda azamuka, agamije kugoreka amateka yacu no gusenya Ubunyarwanda"*

Yasobanuye ko rimwe na rimwe biterwa n'uruhare umuntu afite muri ayo mateka cyangwa kunanirwa kwitandukanya na yo cyangwa uruhererekane rw'urwango no kutanyurwa n'ibyo u Rwanda rukora bigamije kuduteza imbere twese.

Yashimiye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge k'ubufatanye buhoraho muri iyi gahunda, ashimira abaza gutanga ibiganiro, kandi yifuza ko Ihuriro ryavamo ingamba zifatika.

Mu gusoza ijambo rye Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame yasangije abitabiriye Ihuriro Indangagaciro zikwiye kuranga Intwararumuri n'abayobozi muri rusange zirimo:

- Kwemera ibyo urimo ukabishyiraho umutima wose (dedication);
- Uburyo ubona ibintu (perception);
- Kubahiriza no kubazwa inshingano (accountability);
- Kunoza umurimo (work / job well done);
- Kuba ku murongo ubwawe (self–discipline);
- Kwigirira icyizere (Confidence);
- Kutiremereza no guca bugufi (modesty and humility);
- Kumenya kugenga amaranga-mutima (emotional intelligence);
- Kwimenya ukagira ibyo wemera kandi bifite ishingiro (self-belief);
- Kwihangana (Patience) no Kuvugisha ukuri (Honesty).

Yahaye kandi abato ubutumwa bw'icyizere n'umukoro ko amateka mabi yaranze Igihugu cyacu atari wo murage bazaragwa agira ati: "*Icyifuzo cyacu nk'ababyeyi, nk'abayobozi, ni ukugira abadukomokaho bazakomeza umurage w'Ubunyarwanda, kuko busumba ibindi byose duhuriyeho. Twizeye ko muzakomeza, kandi mukarushaho*

*kugira Ndi Umunyarwanda Igitekerezo-ngenga cy'imibereho yacu"*

Nyuma y'iyi mpanuro, Ihuriro ryari ribonye umurongo uboneye kandi urimo byinshi byiza, ritangira imirimo yari kuri gahunda.

## II.2. IBIGANIRO

**1.Ikiganiro mbwirwaruhame:** ***Ikivi cy'ukwezi ko kuzirikana ubumwe n'ubwiyunge mu njyana ya Ndi Umunyarwanda Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kw'Abanyarwanda»***



*Bishop John RUCYAHANA - Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC)*

Ni ikiganiro cyongeye kwibutsa abitabiriye Ihuriro ko Ndi Umunyarwanda ari umurongo Igihugu kiyemeje, kigamije kwimakaza ubunyarwanda nk'isano-muzi Abanyarwanda bafitanye, no kubona ko Ubunyarwanda ari igihango, ingabo, urukingo n'ingufu zo kubaka icyerekezo cy'ejo hazaza.

Bishop John RUCYAHANA yagarutse ku mwihariko w'Ihuriro rya 13 rya Unity Club ribaye mu gihe cyo gusoza ukwezi k'Ukwakira kwahariwe kurizikana by'umwihariko ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Muri uyu mwaka, kwizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti ***"Dufatanyije, twubake u Rwanda ruzira amacakubiri n'ivangura".***

Yibukije ko Ukwezi ko kuzirikana ubumwe n'ubwiyunge gutangira ku ya **1 Ukwakira** buri mwaka, iyi tariki yatoranyijwe kuko ifite igisobanuro gikomeye mu mateka y'urugamba rwo kubohora u Rwanda ku ngoyi y'amacakubiri, gusubiza agaciro ubunyarwanda n'urugendo rwo kugarura no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

Ihuriro rya 13 rya Unity Club Intwararumuri ryaje risoza ukwezi kwahariwe kuzirikana ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yibukije ko n'ubwo ukwezi ko kuzirikana ubumwe n'ubwiyunge gusojwe, ibikorwa byimakaza ubumwe n'ubwiyunge byo bigikomeje kandi ko ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenyutse bugomba gukomeza kubakwa.

Agaruka ku bikorwa byakozwe mu kwezi kwahariwe kuzirikana ubumwe n'ububwiyunge yagaragaje ko byari mu njyana y'Ihuriro rya 13 rya Unity Club mu nsanganyamatsiko yaryo igira iti **"Ndi Umunyarwanda Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho kwacu".**

Yashimangiye ko nubwo twari mu bihe bidasanzwe Igihugu cyacu n'isi yose byugarijwe n'icyorezo cya Covid-19, hakozwe ibikorwa byinshi ku rwego rw'Igihugu no mu Turere, hateguwe ibiganiro byagejejwe ku Banyarwanda hifashishijwe itangazamakuru n'ikoranabuhanga, imbuga nkoranyambaga (social media). Ibiganiro byose byari bigamije gutoza Abanyarwanda, abakuru n'abato kwimika ubunyarwanda mu nzego zose z'ubuzima no mu mibereho ya buri munsi.

Bishop Rucyahana, yabwiye abitabiriye Ihuriro ko hashingiwe ku bitekerezo binyuranye byavuye mu biganiro byo muri uku kwezi, umuryango nyarwanda n'urubyiruko by'umwihariko bakangurirwa guha agaciro ubunyarwanda yo sano isumba ayandi Abanyarwanda dusangiye.

Yasoje ikiganiro ashimira abagize uruhare mu bikorwa bitandukanye by'Ukwezi kwahariwe kuzirikana Ubumwe n'Ubwiyunge agira ati:" *Dufatanyije, dukomeze kuzirikana ubumwe n'ubwiyunge mu njyana ya Ndi Umunyarwanda, igitekerezo- ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda".*

## II.3. Ikiganiro nyunguranabitekerezo: "Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-Ngenga cy'Ukubaho kwacu".




Ikiganiro cyatanzwe na Hon. Senateri Emmanuel HAVUGIMANA, Hon. Minisitiri Jeannette BAYISENGE na Bwana Patrick KURUMVUNE ; cyiyoborwa na Bwana Basil UWIMANA, Umunyamakuru wa RBA.

Ingingo z'ingenzi z'ikiganiro :

**Ndi Umunyarwanda: Imbaraga zo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.**




*Hon. Senateri Emmanuel HAVUGIMANA – Umushakashatsi*

Hon. Senateri Emmanuel HAVUGIMANA yatangiye ashimira Unity Club ku butumire n'umwanya yahawe wo kuganiriza abitabiriye Ihuriro rya 13 kuri Ndi Umunyarwanda nk'imbaraga zo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

Mu kiganiro yasobanuye ko Igihugu cyacu cyavuye ahabi ariko nanone ko cyagize amahirwe yo kugira ubuyobozi bwiza bushaka ineza ya buri Munyarwanda kugira ngo ababyiruka batazahura n'ibibazo nk'ibyo ababanjirije babayemo.

Hon. Senateri Emmanuel Havugimana yagaragaje ko ugusenyuka k'ubumwe bw'Abanyarwanda gukomoka ku mateka mabi afite imizi guhera ku gihe cy'ubukoroni kandi ashimangirwa n'imiyoborere mibi yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mbere y'umwaduko w'abazungu mu mateka yanditse n'atanditse nta na hamwe mu Rwanda higeze havugwa ishyamirana ry'amoko.

Hutu, Twa na Tutsi si amoko kuko Abanyarwanda bose basangiye ururimi rumwe, imico imwe n'imyemerere gakondo imwe (Imana y'u Rwanda), imirimo imwe (ubuhinzi n'ubworozi) ndetse ko buri wese atura aho ashaka, bitandukanye n'ibihugu by'amahanga aho basangira igihugu ariko ntibasangire ubwoko, ibyo yise "Tribut" mu ndimi z'amahanga.

Abakoloni bageze mu Rwanda basanze Abanyarwanda bafite umwami umwe, bafite imyemerere imwe, basangiye igihugu bitandukanye n'ibindi bihugu. Kugirango babashe kwigarurira u Rwanda n'abanyarwanda bakoresheje icyo bise "diviser pour régner/divide and rule" (mbatanye mbategeke). Kugira ngo babigereho bakuyeho Itorero ryigishaga indangagaciro Nyarwanda zirimo gukunda igihugu, kuyoboka umwami no guharanira ko Igihugu cyaguka barisimbuza amashuri ya gikoroni, bashyize

amoko (hutu, tutsi, twa) mu biranga umunyarwanda (book) bashimangira ko Abanyarwanda batandukanye.

Aho u Rwanda ruboneye ubwigenge, imbwirwaruhame z'uwari Perezida w'u Rwanda, Kayibanda Grégoire zigaruka kenshi ku ijambo gahutu yaratsinze, gatutsi nawe ukwiye kurwanywa.

Repubulika ya kabiri nayo yazanye icyo yise amahoro n'ubumwe ariko byari mu magambo kuko ubumwe baririmbaga butagaragaye, niho hatangijwe ibyo bise iringaniza mu mashuri, mu kazi ka Leta n'ahandi ariko naryo ntiryakurikizwaga.

Yifashishije ubushakashatsi bwakozwe na Sena "*Imiterere y'ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi ribera mu mahanga n'ingamba zo kubirwanya*" agaragaza ko abapfobya bakanahakana Jenoside yakorewe Abatutsi bakubiye mu byiciro bine:

1. Abari abayobozi bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bakiri mu buhungiro;
2. Abazungu b'inshuti zabo biyita ko bazi u Rwanda bakoresha inyandiko zisenya u Rwanda, basobanura Jenoside uko itari, bavuga ko mu Rwanda habaye Jenoside ebyiri, ko yatewe n'Abatutsi ubwabo, ko yaturutse ku ihanurwa ry'indege y'uwari Perezida Habyarimana cyangwa ko habaye icyo bise isubiranamo ry'amoko;
3. Abana babo bakiri kumwe nabo mu buhungiro bashyira inyandiko ku mbuga nkoranyambaga zihakana zikanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi

(Urugero: Jambo a.s.b.l n'Ikinyamakuru cyayo Jambo News);

4. Abari abayobozi nyuma ya Jenoside bahungiye hanze y'u Rwanda bashyize imbaraga mu kwandika ibitabo, gukoresha imbuga nkoranyambaga n'itangazamakuru mu gusenya u Rwanda no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi;

Kuko amacakubiri yigishijwe igihe kirekire mu Rwanda, ntibitangaje kuba nyuma y'imyaka 26 Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye hari abagishaka kongera gutanya Abanyarwanda n'abakigaragaza ibisigisigi by'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Niyo mpamvu hakwiye gushyirwaho ingamba zihamye zo guhangana n'ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi. Yagize ati: "*Nyuma y'amateka mabi twagize, turi mu Rwanda ruha buri wese uburenganzira n'amahirwe angana. Indangamuntu dufite ubu ntabwo ari iyo kuzana ivangura, ahubwo ni iyo guteza imbere Igihugu cyacu.*"

Ndi Umunyarwanda nidufashe kongera kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenyutse bugaruke, bushinge imizi kandi Abanyarwanda bose bumve ko ari bamwe bafite uburenganzira bumwe, bityo tuzasigire abana bacu u Rwanda ruzira amacakubiri

## **Urubyiruko rushyize imbere Ubunyarwanda nirwo kubaho k'u Rwanda**



*Patrick KURUMVUNE - Urubyiruko*

Patrick Kurumvune yatangiye ashimira umwanya uhabwa urubyiruko mu Ihuriro ngarukamwaka rya Unity Club Intwararumuri mu rwego rwo kuganira n'ababyeyi, abarezi bakaba n'abayobozi, bavuga ku ntero-ngiro mu kubaka Ndi Umunyarwanda.

Muri iki kiganiro, yagarutse ku nshingano bafite nk'urubyiruko (abari mu Rwanda ndetse no mu mahanga) zo kurushaho gusobanukirwa agaciro ko kugira igihugu, impamvu yo gukomera ku bumwe no kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside n'amacakubiri.

Urubyiruko rwakuriye mu gihugu cyanyuze mu mateka atoroshye yarugizeho ingaruka, yitanzeho urugero agira ati: *"Kubera amateka mabi Data yaciyemo, byanteraga ipfunwe aho ngeze mu bandi, baganira ibiteza imbere Igihugu, nkibaza icyo nanjye navuga nkakibura. Igihe cyarageze ndavuga nti, ikosa rya Data yararihaniwe, singomba guherenwa n'amateka…",* ubu akaba yishimira ko bafite amahirwe yo kubyirukira no gukurira mu Rwanda rwuje umutekano, nta vangura cyangwa amacakubiri.

Yasabye ababyeyi gusubira ku muco wo kuganiriza abana, bakabatoza indangagaciro nyarwanda zirimo gukunda Igihugu kuko urubyiruko aribo mizero y'umuryango-shingiro ndetse n'umuryango mugari.

Yibukije urubyiruko ko rufite inshingano zo kubera abandi abahamya ko guhindura ibintu bishoboka. Nubwo bagizweho ingaruka n'amateka ababyeyi babo babayemo, bahisemo KUBAHO mu budaheranwa.

Yasoje ahamagarira urubyiruko kuzirikana ko ari rwo kubaho k'u Rwanda kandi arusaba gukomeza kwimakaza "*UBUNYARWANDA"* bwo sano-muzi y'Abanyarwanda.

## Umuryango, igicumbi cy'Ubunyarwanda




*Prof. Jeannette Bayisenge – Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango*

Prof. Jeannette Bayisenge, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yatangiye ikiganiro ashimira Unity Club Intwararumuri yashyizeho umwanya wo kuganira ku ruhare rw'umuryango wo gicumbi cy'ubunyarwanda mu Ihuriro rya 13.

Umuryango niwo shingiro ry'imbaga y'Abanyarwanda kandi urengerwa na Leta nk'uko biri mu Itegeko-nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 uko

ryavuguruwe mu 2015, ingingo yaryo ya 18 igaruka ku burere ababyeyi basabwa guha abana babo n'inshingano za Leta ku muryango.

Umuryango ugizwe n'ibice bibiri aribyo umuryango-shingiro n'umuryango mugari, akaba arirwo rwego rwa mbere umwana arererwamo akanaremerwa icyo azaba cyo mu mitekerereze no mu mikorere, *"Igiti kigororwa kikiri gito".*

Amateka mabi u Rwanda rwanyuzemo yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi yasenye igihugu muri rusange ariko by'umwihariko yasenye umuryango shingiro, indangagaciro na kirazira byateshejwe agaciro, ababyeyi batezuka kuri za nshingano z'ububyeyi. Ubushakashatsi bwagiye bugaragaza ko umuryango ufite uruhare runini mu kwigisha amacakubiri n'ivangura...

Ababyeyi dusaba gusubira ku nshingano zo kurerera u Rwanda, benshi muri bo bafite ibikomere bituruka ku mateka mabi y'u Rwanda. Hari ibibazo byinshi mu muryango bifite umuzi mu ngaruka za Jenoside.

*Urugendo turimo rwa Ndi Umunyarwanda rwadufasha gute mu kubaka wa muryango?*

Birakwiye ko uyu muryango tuwegera mu bijyanye no kwivura no kuvurana ibikomere kugira ngo hadakomeza kuba ihererererekana. Hakwiye gushyirwaho gahunda idasanzwe igamije isanamitima mu miryango kugira ngo twubake umuryango ushoboye kandi utekanye.

Kugira ngo Ndi Umunyarwanda ishinge imizi mu buzima bwa buri munsi, ababyeyi ubwabo bakwiye kuganira hagamijwe komorana ibikomere no gusangira amarangamutima.

Muri iki gihe cya Covid-19 ababyeyi bagize umwanya wo kwegera umuryango, twabonye ko umuryango udukeneye na nyuma ya covid-19 abagize umuryango bakomeze kubonera umwanya abana.

Nk'ababyeyi rero dukwiye gufata inshingano zo kubaka umusingi w'ubunyarwanda mu muryango. Ababyeyi n'abarezi nibo gipimo cy'abana kuko aribo bareberaho kandi n'ugize ibyago akabura ababyeyi Igihugu kimurera.

Ashingiye ku bwitange bw'urubyiruko mu rugamba rwo kubohora Igihugu, yagaragaje ko isano iri hagati y'Igihugu n'umuryango ari ndatana. Indangagaciro batojwe n'ababyeyi babakundisha u Rwanda n'ubwo bari baraheze ishyanga zabaremyemo inyota yo kubohora Igihugu cyabo.

Yasoje avuga ko Jenoside yasenye umuryango nyarwanda, ko hakenewe ubufatanye bw'inzego zose, asaba gushyira hamwe imbaraga mu rwego rwo kurushaho kubaka umuryango muzima kandi utekanye agira ati: "*Ndi Umunyarwanda ikwiye kuba ubuzima bwacu bwa buri munsi, ikajya mu mitekerereze n'imigirire yacu kandi tugahozaho dufatanya mu komorana ibikomere by'amateka yadusigiye nk'Abanyarwanda."*

## II.4. IBITEKEREZO BY'ABITABIRIYE IHURIRO



*Abitabiriye Ihuriro*

Nyuma y'ibiganiro, abitabiriye Ihuriro bunguranye ibitekereza ku ngingo zaganiriweho:

1. Bagaragaje ko hakwiye kujyaho gahunda zihariye z'ababyeyi binyuze mu mugoroba w'imiryango uvuguruye uhuza abana, abagabo n'abagore, cyangwa hagashyirwaho itorero ry'Ababyeyi nk'uko hashyizweho itorero ry'urubyiruko hagamijwe gufasha ababyeyi gukira ibikomere no gufasha abakiboshywe n'amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside kubohoka kugira ngo babashe gufasha abakiri bato kuko ntawe utanga icyo adafite.

Hakabamo no kwegera abafite ibibazo bitavugirwa mu ruhame.

2. Amadini n'amatorero nk'abafatanyabikorwa ba Leta, bakwiye kugira uruhare rufatika mu gutoza Ndi Umunyarwanda mu bayoboke babo.
3. Hakwiye kubaho ubwuzuzanye hagati y'inyigisho zitangwa mu mashuri n'izitangirwa mu muryango hagamijwe gufasha urubyiruko kwigirira icyizere no kugira uruhare ku cyerekezo cy'Igihugu. Abato bagakura bazi ko dufite inkomoko imwe kandi turangamiye ejo hazaza heza hacu twese.
4. Abitabiriye Ihuriro, bifuje ko hashyirwaho uburyo buhoraho bwo gukurikirana no gusuzuma (M&E) intambwe imaze guterwa mu gutoza Abanyarwanda gushyira imbere Ubunyarwanda n'uko bwimakazwa mu buzima bwa buri munsi mu nzego zose.
5. Ihuriro ryasabye inzego zose guhuza imbaraga mu kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo cyane cyane ibinyuzwa kuri social media hatangwa ubutumwa bwimakaza ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

By'umwihariko abanyarwanda bo muri Diaspora batanze ibitekerezo bikurikira:

6. Bashimye ko Ndi Umunyarwanda ifasha mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, gutinyura benshi bakitinye no kumenya amateka yabo.
7. Urubyiruko ruri mu mahanga rwasabye gukomeza gufashwa abataragera mu Rwanda bakahagera.

Bagira bati: Mukomeze kutubera ababyeyi beza, kuko dukunda igihugu n'ubwo turi kure.

8. Urubyuruko ruba muri Diasipora rwiyemeje gushyira imbaraga mu bukangurambaga, kugira ngo bakumire ibitekerezo bibayobya bigamije gusubiza Igihugu mu macakubiri.
9. Urubyiruko rurashishikarizwa kwitabira amahuriro yabashyiriweho abafasha kwimakaza indangagaciro na kirazira, gusigasira no kurinda ibyagezweho no gushyigikira Ndi Umunyarwanda.
10. Urubyiruko rwifuje ko hashyirwaho umunsi ngarukamwaka uhuza urubyiruko ruhererereye mu bihugu bitandukanye kugira ngo barusheho gusobanukirwa na Ndi Umunyarwanda no kugira uruhare mu kumenyekanisha isura nziza y'u Rwanda mu mahanga.

# III. IJAMBO RISOZA IHURIRO - UMUYOBOZI WA MBERE WUNGIRIJE WA UNITY CLUB



*Dr. Monique NSANZABAGANWA – Umuyobozi wungirije wa mbere wa Unity Club Intwararumuri*

Mu ijambo risoza Ihuriro, Umuyobozi wungirije wa mbere wa Unity Club Intwararumuri Dr. Monique NSANZABAGANWA, yabanje gushimira abatumirwa baba abari mu Rwanda n'abari muri Diaspora n'abatanze ibiganiro umwanya bafashe, kugira ngo baganire ku nsanganyamatsiko y'Ihuriro rya 13 igira iti: ***"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kwacu".***

Avuga ku nsanganyamatsiko, yagize ati*: " Kuba dukomeza kugaruka kuri Ndi Umunyarwanda si uko tugenda buhoro, si n'uko aho twerekeza tutahazi, ahubwo ni uko ari ubuzima bukwiye kuranga buri Munyarwanda aho ari hose, by'umwihariko twebwe INTWARARUMURI, tugakomeza kuba ku isonga, tukaba urumuri rw'Ubunyarwanda, tukarugeza no ku bandi* ".

Yibukije abitabiriye Ihuriro ko *Ndi Umunyarwanda* atari amahame abantu bashyiraho ngo yubahirizwe gusa, ahubwo ari imitekerereze n'imikorere, ni n'uburyo bwo kubaho hazirikanwa inkingi eshatu za Ndi Umunyarwanda arizo: Kwiyumvamo ubunyarwanda (The Rwandan Spirit), komora ibikomere by'amateka, no kwimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Agaruka ku kiganiro: Ndi Umunyarwanda n'ikoranabuhanga yagize ati: *"Ndi Umunyarwanda iduherekeze aho turi hose, itwinjize mu ikoranabuhanga no ku mbuga nkoranyambaga; kuko uwambaye Ubunyarwanda agendana ubudahangarwa mu ngamba z'ubumenyi n'ubukungu, akamenya kurinda iby'u Rwanda, ibya none n'ejo hazaza".*

Dr. Monique NSANZABAGANWA yashimiye Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu cyacu burangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME akaba n'Umunyamuryango w'Icyubahiro wa Unity Club Intwararumuri, kuri byinshi ntagereranywa tubukesha, harimo n'urubuga ruhabwa Intwararumuri buri mwaka kugira ngo batange umusanzu mu kubaka Igihugu.

Yashimiye kandi Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge umufatanyabikorwa uhoraho mu bikorwa by'Ihuriro ngarukamwaka rya Unity Club n'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (RBA) cyafashije mu migendekere myiza y'imirimo y'Ihuriro hifashishijwe ikonarabuhanga kubera ibihe bidasanzwe Igihugu cyacu kirimo cyo kurwanya no kurinda Covid-19.

Yashoje yifuriza Abanyarwanda guhorana u Rwanda agira ati: "**KURI TWESE HAMWE N'ABACU BOSE, NDI UMUNYARWANDA IKOMEZE IBE IGITEKEREZO-NGENGA CY'UKUBAHO KWACU"**

# IV. IBYEMEZO–NGIRO

Kugira ngo "**Ndi Umunyarwanda"** ikomeze ibe igitekerezo-ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda, urukingo rw'abato n'ingabo irinda u Rwanda,

Twebwe, Abayobozi, Ababyeyi, Abakuru n'Urubyiruko duteraniye mu Ihuriro rya 13 rya Unity Club Intwararumuri twiyemeje ibi bikurikira:

1. Kwimakaza "Ubunyarwanda" mu muryango nk'umurage u Rwanda rwahitiyemo abarwo, uyu munsi n'ejo hazaza kugira ngo u Rwanda rube Igihugu cyunze ubumwe kibereye buri wese;
2. Twiyemeje gutoza urubyiruko "Ubunyarwanda" kugira ngo rwubake ubudahangarwa n'imbaraga zirufasha gukunda Igihugu, kurinda no gusigasira ibyagezweho ndetse no guhora ruzirikana ubwitange n'ikiguzi byasabye kugira ngo u Rwanda rube rutekanye, ruteye imbere kandi rugana aheza Abanyarwanda barwifuriza.

**Dufashe kandi ibyemezo-ngiro bikurikira:**

1. Gukomeza kubaka urubuga rutekanye kandi ruhoraho rw'ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda" kugira ngo Abanyarwanda bari mu Gihugu no mu mahanga, aho batuye n'aho bakorera, bakomeze komorana ibikomere, kwimakaza Ubunyarwanda no kugira icyerekezo kimwe;

2. Gushyiraho uburyo bwo kwinjiza "Ndi Umunyarwanda" mu mibereho n'imigenzereze ya buri munsi

y’Umunyarwanda biciye mu nzego zose hakanashyirwaho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura intambwe igenda iterwa;

3. Kongera no guhuza imbaraga mu bikorwa bigamije gukomeza kugaragaza ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, kurwanya ingengabitekerezo yayo, ihakana n’ipfobya byayo nk’inshingano ya buri wese;

4. Gukomeza gukangurira urubyiruko, mu Rwanda no mu mahanga, mu muryango, mu mashuri n’ahandi hose ruhurira, guhora ruzirikana agaciro ko kugira Igihugu, ruharanira kucyubaka no kukirinda;

5. Kubaka ubushobozi bw’umuryango no gukomeza ingamba mbonezamibanire zigamije gufasha abawugize komorana no gukira ibikomere bikomoka ku mateka mabi yaranze u Rwanda;

6. Gukomeza gukangurira abagize umuryango kwimakaza umuco w’ibiganiro, gutega abana amatwi, kubatoza indangagaciro na kirazira by’Umuco nyarwanda kugira ngo bazikurane, bityo umuryango ube koko igicumbi cy’Ubunyarwanda.

# V. IMIGEREKA:

1. Gahunda n'Isobanurampamvu by'Ihuriro rya 13 rya Unity Club

2. Ijambo rya Mme Jeannette Kagame, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club.

3. Ikiganiro mbwirwaruhame: « *Ikivi cy'Ukwezi ko kuzirikana Ubumwe n'Ubwiyunge mu njyana ya Ndi Umunyarwanda Igitekerezo ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda*» cyatanzwe na **Bishop John RUCYAHANA**

4. Ikiganiro nyungurana-bitekerezo: ***"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kwacu". Moderator Mr. Bazil UWIMANA***

**Ingingo z'Ikiganiro :**

4.1. Ndi Umunyarwanda : Imbaraga zo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo **cyatanzwe na Hon. Emmanuel HAVUGIMANA**

4.2. Urubyiruko rushyize imbere ubunyarwanda nirwo kubaho k'u Rwanda cyatanzwe na **Mr. Patrick KURUMVUNE**.

**5.** Ijambo risoza Ihuriro - **Dr. Monique NSANZABAGANWA**

**6.** Gahunda y'ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo-ngiro

*Umugereka wa 1:*

## GAHUNDA Y'IHURIRO RYA 13 RYA UNITY CLUB

**MC : Hon. Julienne UWACU**

| | |
|---|---|
| 8:00 | Kuhagera kw'abatumirwa n'abanyamuryango ba Unity Club |
| 9:00 | Ijambo ritangiza Ihuriro / **Chairperson wa Unity Club, HE Jeannette KAGAME** |
| 9:10 | Ikiganiro mbwirwaruhame: « *Ikivi cy'Ukwezi ko kuzirikana Ubumwe n'Ubwiyunge mu njyana ya Ndi Umunyarwanda Igitekerezo ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda»* / **Bishop John RUCYAHANA.** |
| 9 :25 | Ikiganiro nyungurana-bitekerezo: **"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kwacu".**<br><br>**Panel:**<br><br>**1.** Ndi Umunyarwanda: Imbaraga zo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo **/ Hon. Emmanuel HAVUGIMANA (20 mins)**<br><br>**2.** Urubyiruko rushyize imbere ubunyarwanda nirwo kubaho k'u Rwanda **/ Mr. Patrick KURUMVUNE (20 mins)** |

| | |
|---|---|
| | **3.** Umuryango : Igicumbi cy'Ubunyarwanda **/ Min. Jeannette BAYISENGE (20 mins)**<br><br>**Moderator / Bazil UWIMANA** |
| 10:30 | Kungurana ibitekerezo |
| 12 :25 | Kumurika Ibyemezo-ngiro / **Mr. Fidèle NDAYISABA** |
| 12 :30 | Gusoza **Dr. Monique NSANZABAGANWA** |

# ISOBANURAMPAMVU

**IHURIRO RYA 13 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI**

**"NDI UMUNYARWANDA: IGITEKEREZO-NGENGA CY'UKUBAHO KWACU".**

*Tariki 31 Ukwakira 2020*

## I. IRIBURIRO

U Rwanda rumaze imyaka 26 rutsinze urugamba rwo kwibohora, imyaka 26 Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe. Mu rwego rwo gusana Igihugu no kugiha icyerekezo gishya, ubuyobozi bw'u Rwanda bwahisemo kubakira ku ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda bukaba ishingiro ry'imiyoborere myiza n'iterambere rya buri Munyarwanda.

Kwimakaza "**UBUNYARWANDA"**, ni umurage u Rwanda rwahitiyemo abarwo, uyu munsi n'ejo hazaza. Kugira ngo u Rwanda rube Igihugu cyunze ubumwe kibereye buri wese, ni ngombwa gusigasira Ubunyarwanda, kubuteza imbere no kubutoza abato n'abakuru.

**Ndi Umunyarwanda** ni imwe mu ngamba zo kubaka ubunyarwanda igamije gutoza Abanyarwanda kwiyumvamo ubunyarwanda mbere y'ibindi, kubana nta

rwikekwe no gushyira inyungu z'Igihugu mbere y'inyungu bwite.

Turangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru wacu, Mme Jeannette Kagame, Unity Club Intwararumuri, mu bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC), turategura Ihuriro rya 13, rifite insanganyamatsiko igira iti*: " Ndi Umunyarwanda : Igitekerezo - ngenga cy'Ukubaho kwacu".*

## II. AMAHURIRO N'INSANGANYAMATSIKO BYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

Insanganyamatsiko zose z'amahuriro zirangwa kandi zihuriza ku gushyigikira ubumwe n'ubwiyunge nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Kubaka ubumwe mu banyamuryango, bushingiye mu miryango**

Kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda uhereye mu muryango
(Ihuriro rya 1)

Uruhare rw'Abayobozi mu kubaka Ubunyarwanda
( Ihuriro rya 2)

**Gutwara urumuri rw'ubumwe mu bo tuyobora**

Uruhare rw'Abayobozi mu gushimangira umuco w'ubworoherane n'ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda

Intwararumuri mu guhesha Agaciro Umunyarwanda twimakaza Ubumwe

(Ihuriro rya 4 n'irya 5)

**Inzego z'Igihugu mu kubaka gahunda ya Ndi Umunyarwanda**

Ndi Umunyarwanda

(Ihuriro rya 6)

Ndi Umunyarwanda : Icyomoro n'Igihango (Ihuriro rya 7)

Abarinzi b'Igihango mu mujishi wa Ndi Umunyarwanda (Ihuriro rya 8)

Imyaka 20 ! Ubunyarwanda, Ikirezi twambaye (Ihuriro rya 9)

**Inzego z'Igihugu mu guhamya Icyerekezo u Rwanda rwahisemo**

UBUDASA bw'u Rwanda mu cyerekezo twahisemo (Ihuriro rya 10)

Ndi Umunyarwanda: Inkingi yo kubaka amahoro mu muryango (Ihuriro rya 11)

Ndi Umunyarwanda, igitekerezo - ngenga cy'ukubaho kwacu

(Ihuriro rya 12)

## III. IMPAMVU Y'INSANGANYAMATSIKO Y'IHURIRO RYA 13

Mu Ihuriro rya 13, twongeye kugaruka ku nsanganyamatsiko y'Ihuriro rya 12 *«Ndi Umunyarwanda : Igitekerezo - ngenga cy'Ukubaho kwacu»,* kugira ngo twihe umwanya wo kwibaza, gusesengura no kurushaho kunoza uburyo Ndi Umunyarwanda yashinga imizi mu buzima bw'Abanyarwanda, uyu munsi n'ejo hazaza.

Turifuza kongera kuzirikana inkingi eshatu *Ndi Umunyarwanda* yubakiyeho ari zo: Kwiyumvamo ubunyarwanda (The Rwandan Spirit), komora ibikomere by'amateka no kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda; tugamije ko bitura mu mutima, bigahinduka umuco ukwiye kuranga buri Munyarwanda mu buzima bwe bwa buri munsi, mu mitekerereze, bikaranga imikorere ye, aho ari hose.

Dusubize amaso inyuma, twibuke ko u Rwanda rwibohoye rukanga kugenerwa kubaho n'amahanga, Abanyarwanda bakemera kwakira amateka yabo no kubana nayo, cyane cyane amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Tuzirikane ko urwana urugamba rwo kubaho atava mu ruge. N'uyu munsi urugamba rurakomeje, haracyari abagoreka nkana amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, bagamije gusubiza inyuma Abanyarwanda, kubarangaza no gusenya ibyiza bagezeho.

Dukwiye kubaka ubudahangarwa bw'urubyiruko rwacu, tukabatoza kwimika ubunyarwanda nk'ikirezi n'imbaraga u Rwanda rukeneye, tukabavura ibikomere by'amateka bikomeza kubakurikirana, tukabavana mu ngengabitekerezo ya Jenoside bakura ku bakuru bakiboshywe n'amacakuburi ndetse n'urujijo bamwe bakirimo kubera kutamenya ukuri ku rwababyaye.

Nk'abakuru kandi nk'ababyeyi twikebuke, turebe niba koko imiryango yacu ari igicumbi cy'ubunyarwanda.

# IV. INTEGO Z'IHURIRO RYA 13

**Intego rusange:**
Gukomeza kubaka Ndi Umunyarwanda, igatura mu mutima, ikagenga ubwenge n'imitekerereze, ikaranga imikorere no kuzuza inshingano, bigahinduka ukubaho kwacu mu ntambwe dutera dushyize hamwe twubaka u Rwanda twifuza, tukazabiraga ababyiruka.

**Intego zihariye:**

4. Gufata umwanya wo kurebera hamwe uburyo *Ndi Umunyarwanda* yadufasha kuba abagenga b'amateka yacu, kumenya guha agaciro ibyagezweho no kwigenera ibitubereye nk'Abanyarwanda, tudahungabanywa n'ibituruka hanze y'u Rwanda.
5. Kubaka ubudahangarwa (resilience) bw'urubyiruko binyuze mu biganiro bibahuza n'abakuru, bigamije kubasobanurira agaciro k'u Rwanda n'Ubunyarwanda.
6. Kunoza no gutanga imirongo migari y'inzira ikwiriye mu gufasha umuryango kuba igicumbi cy'Ubunyarwanda.

# V. UMUSARURO UTEGEREJWE MURI IRI HURIRO RYA 13

V1. Abitabiriye Ihuriro rya 13, barushijeho kumva Ndi Umunyarwanda nk'imbaraga zo kubaka ubudahangarwa bw'u Rwanda.

V2. Ihuriro rya 13 rifunguye urubuga rw'ibiganiro hagati y'abakuru n'ababyiruka, basangiye ibitekerezo n'ubuhamya kugira ngo *Ndi Umunyarwanda* igenge ubuzima bwabo, aho batuye, aho bakora n'uko bafatanya kuyinjiza mu mibanire y'Abanyarwanda.

V3. Ihuriro rya 13 ritanze urubuga rwo gushimangira ko umuryango ukwiye kuba igicumbi cy'ubunyarwanda.

# V. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO

Kubera ibihe bidasanzwe bijyanye no kubahiriza amabwiriza yo kwirinda Covid-19, Ihuriro rya 13 rizakorwa hifashishijwe ikoranabuhanga, Radiyo na Television by'Igihugu.

Abatumirwa mu Ihuriro ku rwego rw'Igihugu bazahurira mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko n'ahandi hateganyijwe ku rwego rwa buri Ntara. Abatumirwa muri diasipora bazakurikira imirimo y'Ihuriro bifashishije imbuga nkoranyambaga.

## VI.1- Gutangiza ihuriro

Ubutumwa bw'Umushyitsi Mukuru butangiza Ihuriro buzatambuka hifashishijwe ikoranabuhanga, bukurikiranywe n'abatumirwa b'Ihuriro, Abanyarwanda bari mu gihugu n'abari hanze.

## VI.2- Ibiganiro bizatangwa

**VI.2.1-** Hazakorwa ikiganiro mbwirwaruhame: **“Ikivi cy'Ukwezi ko kuzirikana Ubumwe n'Ubwiyunge mu njyana ya Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo ngenga cy'Ukubaho kw'Abanyarwanda”**

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge izagaragaza intambwe ibikorwa by’ukwezi ko kuzirikana ubumwe n’ubwiyunge (ukwakira 2020) byongereye mu rugendo rwo kwimakaza Ndi Umunyarwanda nk'igitekerezo ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda.

**VI.2.2-** Ikiganiro nyunguranabitekerezo kizatangwa mu buryo bwa panel, bishamikiye ku nsanganyamatsiko y’ihuriro**. ”Ndi Umunyarwanda, Igitekerezo ngenga cy’Ukubaho kwacu”,** kigizwe n’ingingo eshatu:

a) **Ndi Umunyarwanda: Imbaraga zo kurwanya Jenoside n’ingengabitekerezo yayo**
Muri iyi ngingo abaganira bazibanda ku kibazo cy’abagoreka nkana ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi bagamije inyungu zabo bwite. Iki kiganiro kigamije gusobanurira Abanyarwanda amateka y’igihugu cyabo no kuba abagenga bayo.

b) **Urubyiruko rushyize imbere ubunyarwanda nirwo kubaho k’u Rwanda**

Iki kiganiro kizagaruka ku gukangurira urubyiruko cyane cyane ururi mu mahanga kumenya agaciro ko kugira igihugu, gukomera ku bumwe no kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside. Urubyiruko ruzahabwa urubuga rwo kugaragaza uruhare rwagira mu kurinda no gusigasira ibyagezweho.

c) **Umuryango : Igicumbi cy'Ubunyarwanda**
Iki kiganiro kizibanda ku kugaragaza uburyo Ndi umunyarwanda yafasha umuryango kuba igicumbi cy'indangagaciro na kirazira, ukarinda uruhererekane rw' ibikomere by'amateka mu babyiruka.

### VI.3- Gusangira ibitekerezo

Hazashyirwaho uburyo bwo gusangira ibitekerezo hifashishijwe social media: tweeter, facebook, Youtube, live call (umurongo wa telephone).

### VI.4- Ibyemezo-ngiro

Ibitekerezo byatanzwe mu ihuriro bizegeranywa, havemo ibyemezo-ngiro, bizashyirwa mu bikorwa na Unity Club n'abafatanyabikorwa.

## VII- Abatumirwa b'Ihuriro rya 13

Nk'uko bisanzwe, hazatumirwa abayobozi bo mu nzego nkuru z'ubuyobozi bw'Igihugu kugeza ku bayobozi b'Uturere, abayobozi b'amadini, abikorera, n'urubyiruko

ruri mu Rwanda no mu mahanga n'abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri. Hatumirwa kandi Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu.

*Umugereka wa 2:*

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME MU IHURIRO RYA 13 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI.**

**Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko, 31 Ukwakira 2020**

Ba Nyakubahwa mu nzego nkuru z'Igihugu cyacu,

Abahagarariye Ingabo na Police,

Batumirwa bacu bahire,

Abarinzi b'Igihango,

Rubyiruko bana bacu,

Bavandimwe Ntwararumuri,

Muraho neza!

Nagira ngo mbashimire kuba mwashoboye kwitabira ubutumire bwacu, n'ubwo tukiri mu bihe bikomeye by'icyorezo cya Koronavirusi.

Duhuye kandi, mu kwezi tuzirikanamo ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, bitwibutsa umuco wo gukunda igihugu.

Mumfashe dushimire abafatanyabikorwa bose tugendana muri uru rugendo.

Muri iki gihe dukomeza guhangana n'icyorezo cya Koronavirusi, byatweretse ko, igihe dushyize imbere ubumwe bwacu, bidufasha guhangana n'ibihe bikomeye, cyangwa bidasanzwe.

Dusubije amaso inyuma, Abanyarwanda n'abanyamuryango ba Unity Club by'umwihariko, muribuka ko hari byinshi twanyuzemo bikomeye, bituruka ku ngaruka z'amateka yacu.

Ariko twahisemo kuba umwe, twemera kunywa umuti usharira. Uwo muti kandi, wadufashije gutwara urumuri rwa Ndi Umunyarwanda nk'igitekerezo-ngenga cy'ukubaho kwacu. Ariko urugendo ruracyakomeje!

Niyo mpamvu tudahwema gukomeza kugira ibiganiro, nk'iri huriro tugira buri mwaka, kugira ngo dusuzume aho tugeze.

Bimaze kuba umuco, ko buri gihe iyo tudadiye, twesa imihigo, ni bwo amajwi nyangarwanda azamuka, agamije kugoreka amateka yacu no gusenya Ubunyarwanda.

Bishobora kuba, rimwe na rimwe biterwa n'uruhare umuntu afite muri ayo mateka cyangwa kunanirwa kwitandukanya na yo.

Bishobora guturuka kandi ku nyungu z'umuntu bwite, cyangwa izo we yita inyungu rusange. Hari kandi n'uruhererekane rw'urwango no kutanyurwa n'ibyo u Rwanda rukora bigamije kuduteza imbere twese.

Ntwararumuri, Batumirwa Bacu, Namwe mwese mudukurikiye,

Bimwe mu by'ingenzi bikomeza igihugu, ni ukugira uburyo bw'imiyoborere n'imikorere byita mbere na mbere ku nyungu rusange. Kugira inzego zubatse neza bishimangirwa n'uko hari abantu bumva neza, bemera, kandi baharanira agaciro k'igihugu n'ubumwe bwabo.

Mu gihugu cyacu izi nzego turazifite, duharanira ko Umunyarwanda abona iby'ingenzi biganisha ku mibereho myiza. Twigishwa Agaciro k'igihugu n'indangagaciro zitugenga. Ni iki gituma dukomeza kubona abatanyurwa, bigatuma hari abitwaza aho baturuka cyangwa inyungu zabo bwite, bagatatira Ubunyarwanda?

Turebye n'umuntu ku giti cye, burya buri wese yishimira iteka kumva afite aho aturuka, kugira itsinda abarizwamo, umuryango cyangwa se abantu yumva bafite icyo bahuriyeho.

Kuba mu itsinda ry'abantu, hari intambwe bigusaba gutera kugira ngo ube umwe muri bo, ikajyana n'ibikorwa – bishobora kuba byiza cyangwa bibi. Rero ni ngombwa kugira ubushishozi budufasha guhitamo neza.

Kuri twebwe Abanyarwanda, kumva neza igisobanuro cy'aho umuntu aturuka no kubikoresha neza, ni ukubanza kumva isano dufitanye y'Ubunyarwanda.

Munyemerere dufate urugero rufatika rw'urubyiruko tubona, rutagize uruhare mu mateka mabi twanyuzemo, ariko ubona ko rukizitiwe nayo, kubera imiryango yabo.

Mwumvise kandi n'abakomeza gutera urujijo cyane mu bakiri bato, bashyira imbere ingengabitekerezo ya Jenoside.

Nagira ngo nongere nibutse ko nk'Intwararumuri, nk'Abanyarwanda dutsimbaraye ku kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, nk'uko itegeko nshinga ryacu ribiteganya.

Ibi biraduha umukoro wo gushaka uko twakomeza, gufasha abato batagize uruhare muri ayo mateka, ariko bakigowe no kumva ko isano-muzi yacu (nakwita mu ndimi z'amahanga 'the real sense of belonging') ari Ubunyarwanda. Kandi tuzakomeza kubukomeraho, tubirage n'abadukomokaho, na bo, bibe bityo.

Banyamuryango, namwe Batumirwa,

Ntabwo twavuga Ndi Umunyarwanda tutagarutse ku muryango, kuko ariwo pfundo ry'ubumwe n'ubuzima, ukaba igicumbi gitorezwamo ubumuntu, kubana n'abandi, kumenya, no gukunda igihugu.

Abakuru muri hano, abenshi ni urungano rw'ababyeyi b'urubyiruko twumva rukomeza gukuza ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ibyiza dukura mu rugendo rwa Ndi Umunyarwanda twabyifashisha dute, kugira ngo urubyiruko rwumve ko Ubunyarwanda ariyo sano iruta izindi zose?

Twakumiira dute uruhererekane rw'imyumvire, urwango, n'imigenzereze mibi?

Kuko bidashyira imbere Ubunyarwanda, ahubwo bikaba byatera umuntu kumva atanyurwa n'ibyo u Rwanda n'Abanyarwanda tugeraho?

**Rubyiruko n'abandi badukurikiye**,

Unity Club yiyemeje kudasiga inyuma urubyiruko mu rugendo rwa Ndi Umunyarwanda.

Ubushakashatsi bwakozwe na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, bwagaragaje ko umuryango ufite uruhare mu gukwirakwiza, ibitekerezo byigisha amacakubiri mu bana.

Ubu bushakashatsi bwagaragaje kandi ko, urubyiruko rufite ubumenyi buke, ku mateka y'u Rwanda by'umwihariko kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nimutinyuke, mwange ikibi, kabone n'ubwo cyaba kivugwa n'umuntu mukuru, cyangwa mufitanye isano. Mukomere ku bumwe, muzirikane u Rwanda igihe cyose,

musesengure ibibazo twagize, kandi tubizeyeho kuzaba umuti w'igisubizo kirambye cyabyo.

**Ntwararumuri, banyamuryango,**

**Bashyitsi turi kumwe uyu munsi,**

Kuba Intwararumuri no kuba umuyobozi, bisaba iteka, guhora wikebuka, kugira ngo, urebe ko ukimurikiye abo uyoboye, cyangwa abana bakureberaho. Nagira ngo natwe twikebuke dufate umwanya wo kwisuzuma.

Ese umuryango wacu waba koko ari igicumbi cya Ndi Umunyarwanda? Ese tuganiriza abana bacu dute? Tubabwira Ubunyarwanda nk'isano yacu? Tubakundisha dute igihugu cyacu kugira ngo kize ku mwanya wa mbere mu mitekerereze n'imigirire yabo?

Ubunyarwanda twifuza gusigasira, bukwiye gutorezwa mu muryango. Ndi Umunyarwanda ikwiye kudufasha gusana umuryango, kugira ngo wongere ube koko isôoko y'amahoro n'iterambere birambye.

Iyi ni inshuro ya 13, tugira ihuriro nk'iri kandi ntituzahwema. Ariko, bigaragara ko dukwiye gukomeza kubaka imyumvire yacu, igakomera.

Dukwiye kuzirikana ko iyo duhawe inshingano, imigenzereze yacu nayo igomba kuba myiza, kandi tukabera urugero abo tumurikiye?

Mbere y’uko nsoza nifuje kubasangiza bimwe mu bishobora gukomeza gufasha umuntu kugira imyumvire ihamye n’imico myiza, kuko bikenerwa kenshi kugira ngo umurikire abandi:

- Kwemera ibyo urimo ukabishyiraho umutima wose (Dedication)
- Uburyo ubona ibintu (Perception)
- Kubahiriza no kubazwa inshingano (Accountability)
- Kunoza umurimo (Work / Job well done)
- Kuba ku murongo ubwawe (Self –discipline)
- Kwigirira icyizere (Confidence)
- Kutiremereza no guca bugufi (Modesty and humility)
- Kumenya kugenga amaranga-mutima (Emotional intelligence)
- Kwimenya ukagira ibyo wemera kandi bifite ishingiro (Self-belief)
- Kwihangana (Patience)
- Kuvugisha ukuri (Honesty)

Ndi Umunyarwanda nikomeze ibe ‘Igitekerezo-ngenga cy’Ukubaho kwacu’, n'urukingo rw’abato, ndetse n'ingabo idukingira, tugatura u Rwanda rutekanye.

Ndifuza gusoza mbwira abato bacu ko, amateka mabi yaranze igihugu cyacu, atari wo murage twifuza kubaraga.

Icyifuzo cyacu nk'ababyeyi, nk'abayobozi, ni ukugira abadukomokaho bazakomeza umurage w'Ubunyarwanda, kuko busumba ibindi byose duhuriyeho.

Umurinzi w'igihango Nyakwigendera Rugamba yabivuze neza ati:"Uzase nanjye, urenzeho, unsumbye"!

Twizeye ko muzakomeza, kandi mukarushaho kugira " Ndi Umunyarwanda Igitekerezo-ngenga cy'imibereho yacu".

Murakoze! Mugire umunsi mwiza.

*Umugereka wa 3:*

## IJAMBO RYA PEREZIDA WA NURC MU IHURIRO RYA 13 RYA UNITY CLUB TARIKI YA 31/10/2020

### Ikivi cy'Ukwezi ko kuzirikana Ubumwe n'Ubwiyunge mu njyana ya Ndi Umunyarwanda, igitekerezo ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri,

Banyakubahwa bayobozi mu nzego nkuru z'Igihugu cyacu,

Banyakubahwa banyamuryango ba Unity Club Intwararumuri,

Banyakubahwa batumirwa mu nzego zinyuranye,

Rubyiruko bana bacu;

Mbanje kubasuhuza mbifuriza amahoro no kugira Ihuriro ryiza!

Munyemerere nshimire mbikuye ku mutima Umuyobozi mukuru wa Unity Club Intwarumuri n'abanyamuryango bose kubera ubufatanye bumaze kuba ubukombe hagati ya Unity Club na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Dushimire kandi uruhare Umuryango Unity Club Intwararumuri ugira mu rugendo rwo kwimakaza Ubunyarwanda.

Ni mahire ko iri Huriro ribaye mu gihe dusoza ukwezi k'Ukwakira , Ukwezi ko kuzirikana by'umwihariko Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda .

Mu mwaka wa 2007, ubwo Abanyarwanda bagishwaga inama hategurwa Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, bimwe mu bitekerezo byatanzwe harimo no gushyiraho igihe cyihariye cyo kuzirikana ubumwe n'ubwiyunge.

Igitekerezo cyarakiriwe, kirashyigikirwa kandi gishyirwa mu ngamba zo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, maze bidatinze guhera mu 2008 gitangira gushyirwa mu bikorwa.

Bimaze kumenyerwa ko buri mwaka guhera ku itariki ya **1 Ukwakira** Abanyarwanda bagira igihe kihariye kingana n'ukwezi cyo kuzirikana ubumwe n'Ubwiyunge bwabo. Iyi tariki yatoranyijwe kuko ifite igisobanuro gikomeye mu mateka y'urugamba rwo kubohora u Rwanda ku ngoyi y'amacakubiri, gusubiza agaciro ubunyarwanda n'urugendo rwo kugarura no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

Ukwezi ko kuzirikana Ubumwe n'Ubwiyunge rero ni umwanya wo kongera kwibutsa buri Munyarwanda uruhare rwe mu gushimangira, gusigasira ibimaze kugerwaho no kurushaho kubiteza imbere. Abanyarwanda kandi barebera hamwe ahakiri inzitizi bagafatanyiriza hamwe kuzishakira umuti.

Uku kwezi kurangwa n'ibikorwa binyuranye birimo ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda n'isanamitima bibera mu Migugudu, mu magereza n'ahandi hahurira Abanyarwanda, gutoranya Abarinzi b'Igihango, gushimira Imirenge yahize iyindi mu bikorwa byimakaza ubumwe

n'ubwiyunge, n'ibindi bikorwa bigamije kuzamura imibanire y'Abanyarwanda harimo kuremera imiryango itishoboye. Kikaba ari icyivi cya burimwaka mu rugendo rwo kwimakaza Ndi Umunyarwanda.

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri,

Ba Nyakubahwa batumirwa,

Muri uyu mwaka wa 2020, Ukwezi ko kuzirikana Ubumwe n'Ubwiyunge kwizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti *"Dufatanyije twubake u Rwanda ruzira amacakubiri n'ivangura".*

Amacakubiri yazanywe n'Abakoloni n'Abamisiyoneri yashenye ubumwe bw'Abanyarwanda n'aho u Rwanda ruboneye ubwigenge, umurongo wa politiki y'amacakubiri waje ushimangira isenyuka ry'Ubunyarwanda kugeza ubwo ugejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubuyobozi bw'Igihugu n'Abanyarwanda bashyize imbaraga mu kubaka u Rwanda no guharahira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Kugirango ivangura n'amacakubiri biranduke burundu bisaba ingamba zishishikariza buri Munyarwanda guhinduka, gushyira imbere ubunyarwanda no kugira uruhare mu kurwanya amacakubiri n'ivangura byaranze amateka y'u Rwanda.

Ibikorwa muri uku kwezi biri mu njyana y'Ihuriro rya 13 rya Unity Club mu nsanganyamatsiko yaryo igira iti **"Ndi Umunyarwanda Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho kwacu"**

Nubwo ukwezi ko kuzirikana ubumwe n'ubwiyunge kwabaye mu gihe Igihugu cyacu kimwe n'isi yose cyugarijwe n' icyorezo cya Covid-19, hakozwe ibikorwa byinshi hifashishijwe itangazamakuru, n'ikoranabuhanga mu itumanaho.

Ku rwego rw'Igihugu no mu Turere hateguwe ibiganiro byagejejwe ku Banyarwanda hifashishijwe itangazamakuru.

Ibiganiro byose byari bigamije gutoza Abanyarwanda , abakuru n'abato kwimika Ndi Umunyarwanda mu nzego zose z'ubuzima no mu mibereho yaburi munsi, byibanze ku ngingo zikurikira :

- Uruhare rw'Umurinzi w'Igihango mu gusigasira Ubumwe bw'Abanyarwanda;
- Umuryango igicumbi cy'ubumwe n'Ubwiyunge;
- Uruhare rw'urubyiruko mu kurwanya ivangura n'amacakubiri;
- Ihame remezo ryo kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi no gushyira imbere ubunyarwanda;
- Ndi umunyarwanda isano isumba ayandi Abanyarwanda dusangiye;

Buri Karere kagize umwanya wo kuganira ku biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge abaturage bishimira,

ibikibangamiye urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge n'ingamba zo kubitsinda.

Muri uku kwezi urubyiruko rwagize uruhare rukomeye aho rwifashishije imbuga nkoranyambaga rutambutsa ubutumwa bukangurira bagenzi babo kugira uruhare mu bikorwa byubaka ubumwe n'ubwiyunge.

Urubyiruko kandi rwagize uruhare mu gutanga ibitekerezo ku ruhare rw'urubyiruko mu kurwanya amacakubiri aho bagaragaje ibikorwa bibandaho mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge, ibyo bakwiye kwitondera ndetse batanga inama ku babyeyi n'urubyiruko bagenzi babo.

Dukurikije ibitekerezo binyuranye byavuye mu biganiro byo muri uku kwezi, umuryango nyarwanda n'urubyiruko by'umwihariko urakangurirwa guha agaciro ubunyarwanda yo sano isumba ayandi Abanyarwanda dusangiye.

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri,

Ba Nyakubahwa batumirwa,

Uyu munsi turasoza ukwezi ko kuzirikana ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ariko, ibikorwa byimakaza ubumwe n'ubwiyunge birakomeza, ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenyutse bugomba gukomeza kubakwa, ni ihame ni inzira u Rwanda rwiyemeje kandi ni inshingano ya buri Munyarwanda wese kubuharanira, kubugeraho no kubusigasira.

Turashimira abagize uruhare mu bikorwa by’Ukwezi ko kuzirikana Ubumwe n’Ubwiyunge harimo inzego za Leta cyane cyane inzego z’ibanze, amadini n’amatorero, imiryango y’abafatanyabikorwa yo sosiyete sivile, itangazamakuru ku isonga Urwego rw’Igihugu rw’Itangazamakuru (RBA).

By’umwihariko turashimira umuryango Unity Club Intwararumuri ku ruhare ukomeje kugira mu bikorwa byimakaza ubumwe n’ubwiyunge .

Dufatanyije, dukomeze kuzirikana **Ubumwe n'Ubwiyunge mu njyana ya Ndi Umunyarwanda, igitekerezo ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda.**

Murakoze.

Imana ihe Umugisha u Rwanda n’Abanyarwanda!

*Umugereka wa 4:*

Ikiganiro nyungurana-bitekerezo: **"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kwacu". Moderator Mr. Bazil UWIMANA**

**NDI UMUNYARWANDA**

## 4.1 Imbaraga zo kurwanya Jenoside n'Ingengabitekerezo yayo

*Hon.Senateri Dr Emmanuel Havugimana*

### Intangiriro

Tariki 31 Ukwakira 2020, mu ngoro y'Inteko ishinga Amategeko, habereye Ihuriro rya 13 rya Unity Club Intwararumuri. Bari bansabye kubaha ikiganiro ku mateka y'u Rwanda, mfatanyije na Nyakubahwa Minisitiri w'Umuryango n'Uburinganire, Dr Jeannette Bayisenge, na Patrick Kurumvune, umwe mu rubyiruko rwamenye ubwenge nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Ikiganiro cyari kiyobowe na Basile Uwimana, umunyamakuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru, RBA. Bari bansabye by'umwihariko gusobanura ukuntu ubumwe bw'abanyarwanda bwasenyutse, kugeza aho bigeze kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Ibyahavugiwe byose byafashwe amajwi, ariko dore mu magambo avunaguye ingingo nkuru z'ikiganiro natanze.

## Ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenywe n'iki?

Mu mateka yanditse no mu ruhererekane rutanditse (tradition orale), nta na hamwe batubwira ko Abanyarwanda bigeze bashyamirana bashingiye ku byiswe amoko, mbere y'umwaduko w'abazungu. Intambara zivugwa n'izindi zanditswe, zari izo kwagura igihugu, abami b'u Rwanda bagenda buhoro buhoro batera abandi bami b'ibihugu duturanye, kugira ngo bahigarurire. Ingabo z'umwami zabaga zirimo abahutu n'abatutsi, bose bafite umugambi umwe wo kwigarurira ibindi bihugu (U Bushi, U Burundi, Mpororo n'ahandi). Izindi ntambara zari izo kurwanira ingoma hagati y'abana b'umwami, nkuko zikunze kubaho mu mateka y'ibihugu byinshi.

## Abadage

Umuzungu wa mbere wageze mu Rwanda ni umudage witwa Gustave Adolf Von Gotzen, wahageze muri 1894. Cyakora mbere yaho gato muri 1892, undi muzungu wakomokaga mu gihugu cya Autriche/Austria, witwa Oscar Baumann, yari yanyuze mu karere k'ubu ka Kirehe, aturutse muri Tanzaniya yerekeza i Burundi. Gustave Adolf Von Gotzen ni we amateka y'u Rwanda yafashe nk'umuzungu wa mbere wakandagiye mu Rwanda. Yahageze aturutse muri Tanganyika, Tanzaniya y'ubu, atangazwa no kubona igihugu cyiza gituwe cyane, ugereranyije n'imikenke n'amashyamba yo muri Afrika y'Iburasirazuba yiberagamo inyamaswa nkazi gusa, n'abantu bake batuye mu midugudu begeranye, bakikije umukuru w'umuryango n'abandi basaza bakuru bayobora umudugudu. Si ko mu Rwanda byari bimeze. Abanyarwanda bari batuye banyanyangiye, buri wese mu

isambu ye n'urwuri rw'inka ze. Bakagira ururimi rumwe, umuco umwe, imyemerere gakondo imwe, umwami umwe, ku buryo abadage babonaga ari ibintu bidasanzwe, ugereranyije n'ahandi bari barageze muri Afrika. Abadage ntabwo bari bitaye cyane ku buyobozi bwa politiki y'u Rwanda. Cyakora bashyigikiye umwami Yuhi Musinga, bamufasha gutsinda abahinza bo mu majyuruguru bari baramunaniye baranze kumuyoboka. Batsinda Basebya mu Rugezi, batsinda Muhumuza mu Ndorwa, bica Rukara rwa Bishingwe wishe padiri Loupias w'i Rwaza, abanyarwanda bose bayoboka Musinga. Mu myaka makumyabiri bamaze mu Rwanda, mbere yo gutsindwa n'Ababiligi muri 1916, Abadage basize ibikorwa remezo bya mbere. Umuhanda uhuza Kagitumba na Rusizi, undi uhuza Rusumo na Gisenyi, uhuza Kigali na Bujumbura unyuze i Butare. Bashinze umujyi wa Kigali bawugira umurwa mukuru w'u Rwanda. Batangije Ishuri ry'Abana b'Abatware I Nyanza, batangira igikorwa cyo kurwanya isazi ya tse tse, no gukingira inka kubera muryamo (peste bovine) yari yazimaze.  Bamaze gutsindwa muri 1916, u Ruanda-Urundi byahawe Ababiligi bari hano hakurya muri Kongo Mbiligi. Nguko uko twabaye ingaruzwamuheto z'ababiligi, bafite inshingano zo gutanga Raporo buri mwaka muri Societe des Nations, Umuryango Mpuzamahanga wabanjirije Umuryango w'Abibumbye ONU.

**Ababiligi**

Ababiligi bayoboye u Rwanda kuva mu wa 1916 kugeza u Rwanda rubonye ubwigenge tariki 1 Nyakanga 1962. Mu wa 1916, Musenyeri Classe yatangaje inyandiko yise "*Imiterere ya Politiki mu Rwanda mu ntangiriro*

*y'Ubutegetsi bw'Ababiligi*", avugamo imiterere y'umuryango nyarwanda, yerekana ko uburyo bwiza bwo gutegeka igihugu ari gushyigikira abatutsi, kwiyegereza umwami no kumufasha kwigisha abayobozi. Bafatanyije n'Abapadri Bera, imyemerere gakondo bayindura igipagani. Imana bayihindura Mungu kubera ko batekerezaga ko Imana ari izina ry'ikigirwamana nyarwanda. Ijambo Imana ryagarutse mu Kliziya muri 1979, nyuma y'uko Vatikani ya kabiri (1958-1963) na Papa Yohani Paulo II agiyeho muri 1978, akemerera abanyafrika guhuza ukwemera gatolika n'umuco wabo. Na Musenyeri Aloys Bigirumwami yari amaze gutangaza iyandiko yise: *"Imana y'Abantu, Abantu b'Imana, Imana mu Bantu, Abantu mu Mana"*

Muri 1923: Itorero ryigishirizwagamo indangagaciro nyarwanda na kirazira Ababiligi bararifunga. Uburezi bwose buhabwa amadini.

1925: Gashamura ka Rukangirashyamba wari umukuru w'abayoboraga umuganura Ababiligi bamucira I Burundi, bamwita umupfumu ukomeye

1929: Bafungura Groupe Scolaire Indatwa Astrida, ririmo Section Administrative yari igenewe abana bazasimbura ba se mu buyobozi bwa za sheferi za susheferi. Igice kimwe cy'abanyarwanda ntibemererwa kuryigamo

1931: Ababiligi bazana agatabo (book) bakita Ibuku, kanditsemo amoko Hutu, Tutsi, Twa n'amoko gakondo ya buri wese (Nyiginya, Tsobe, Singa, Shambo, etc..). Abasangiye igisekuru bisanga bari mu moko atandukanye

kuko badafite umubare w'inka wafatwaga nk'ikimenyetso (Mugesera, A., 2004)

Nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose, umwami Mutara III Rudahigwa yakomeje kugaragaza gushaka kwigenga, bimuteranya n'Ababiligi bari barashyigikiye ingoma nyiginya kuva bagitangira kuyobora u Rwanda. Nibwo rero batangiye gushyigikira abahutu bashakaga kuvanaho ingoma ya cyami.

25/3/1957 : Inyandiko yiswe "Note sur l'aspect social du problem racial au Ruanda" izwi nka Manifeste des Bahutu, yoherejwe muri ONU

1957-1959: Havutse amashyaka menshi ariko ayamenyekanye cyane ni ane:

PARMEHUTU : Parti du Mouvement pour l'Emancipation Hutu

APROSOMA : Association pour la Promotion Sociale de la Masse

RADER : Rassemblement Democratique Rwandais

UNAR : Union Nationale Rwandaise

Abiri ya mbere yari agwiriyemo abahutu, andi abiri akaba ay'abatutsi. UNAR na RADER zonyine ni zo zasabaga ubwigenge. RADER yari ishyaka ry'abatutsi bize bashaka umwami uganje, igihugu kigategekwa na Minisitiri w'Intebe wavuye mu ishyaka ryatsinze amatora

(monarchie constitutionnelle). UNAR ryari ishyaka rishyira imbere ubumwe bw'abanyarwanda, rikunda umwami, rigasaba ko ababiligi bava mu Rwanda. PARMEHUTU ntiyigeze isaba ubwigenge. Icyihutirwaga kwari gufatanya n'ababiligi guhirika ingoma ya cyami. APROSOMA yatangiye ishaka kuvugira rubanda rugufi muri rusange, ariko nyuma iza gufata umurongo wa gahutu nka PARMEHUTU.

Muri 1959 nibwo hatangiye imvururu zishingiye ku ivanguramoko. Abatutsi baricwa, abandi bahungira mu mahanga, abandi bacirirwa I Nyamata na Rukumberi. Ubumwe bw'abanyarwanda ni aho ngaho bwakomerekeye bikomeye. Repubulika ya mbere (1961-1973) n'iya kabiri (1973-1994) ziza nazo zishingiye ku ivanguramoko, ndetse n'ivangura turere, ryagejeje igihugu kuri jenoside yakorewe abatutsi muri 1994. Ni nyuma ya 1994 gusa haje ubuyobozi bushya bushyira imbere ubumwe n'ubwiyunge. Kuko mu by'ukuri abanyarwanda ni ishyanga rivuga ururimi rumwe, rituye ritavanguye mu gihugu hose, rifite imyemerere gakondo imwe, ku buryo kuvuga ko Abahutu, Abatutsi n'Abatwa ari amoko atandukanye atari byo. Abanyarwanda bose ni ishyanga rimwe. Ndi Umunyarwanda niwo muti uzomora ibikomere by'Abanyarwanda.

## Umusozo

Muri iyi nyandiko ngufi, twerekanye uko buhoro buhoro abazungu batandukanyije abanyarwanda bashyize imbere inyungu zabo zishingiye kuri "Diviser pour regner/Divide and Rule". Ntakundi bari kuyobora iki gihugu bataduciyemo ibice. Byafashe imyaka irenga 60

batuvangura, bigeza kuri jenoside yakorewe abatutsi muri 1994. Abakunda igihugu bose badashaka ko kizahora mu mwiryane utarangira hagati y'abagituye, bagomba gushyigikira Ndi Umunyarwanda, kuko niyo izadukura ibuzimu ikadusubiza ibuntu!

## 4.2 URUBYIRUKO RUSHYIZE IMBERE UBUNYARWANDA NIRWO KUBAHO K'U RWANDA-Mr.Patrick KURUMVUNE

**Intego z'ikiganiro:** Iki kiganiro kigaruka ku nshingano dufite twe urubyiruko, mu Rwanda no mu mahanga, ko dukwiye gukura dusobanukiwe n'agaciro ko kugira igihugu, impamvu yo gukomera k'ubumwe no kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside cyangwa igisa nayo cyose.

**Ingingo z'ingenzi z'ikiganiro:**

- Urubyiruko nitwe mizero y'umuryango-shingiro ndetse n'umuryango mugari. Icyifuzo cya buri muryango kandi, ni ukugira ababyiruka bazakomeza umurage w'umuryango ariho hakomokaga imvugo igira iti 'kwibyara bitera ababyeyi ineza". None ku gihe cyacu bitacyoroshye, hari n'ubwo ukura uba ugomba gushaka ishusho idahuje n'iyo wasanze!

- Mu gihugu cyacu twagize amahirwe yo kubyiruka nta ntambara, nta vangura cyangwa amacakubiri. Cyakora twanakuriye mu gihugu gihanganye n'amateka atoroshye, navuga nko guhunga utazi icyo uhunga cyangwa guhunguka nabwo utazi neza aho utashye, twakuriye mu kwibuka no gushyingura abishwe na jenoside, mu kubura ababyeyi, kujya mu manza Gacaca no kugemurira cyangwa gusura ababyeyi bafungiwe icyaha cya jenoside, n'ibindi bidasanzwe twasanzemo mwe abadukuriye. Twarongeye duhabwa amahirwe yo kwiga, tuganirizwa mu byiciro bitandukanye harimo

nk'Itorero, inzego za Leta n'izigenga ndetse na Unity Club, n'ubu kandi birakomeje. Ni uko Igihugu kiturera ngo tuzabe mu mahoro, tugihigire ubusugire n'iterambere ry'abacyo basonabukiwe n'UBUDASA bw'u Rwanda.

- Muri twe, hari kandi abaheze mu cyeragati, batigeze bagira amahirwe yo kumenya u Rwanda, biganjemo abavukiye kandi bakurira mu mahanga, u Rwanda bararubarirwa kandi bakarubarirwa nabi. Ntibumva agaciro ko kugira igihugu, ntibumva agaciro k'ubunyarwanda.

- Kubera ko kubyirukira mu Rwanda uyu munsi biduha amahirwe ariko akaba ari ya mbuto yeze ku giti cy'umuruho, abato basobanukiwe n'uko KUBAHO ari wo muhigo igihugu kibasaba guhiga, ko ntawe ubabuza uburenganzira bwabo, ntawe ubimira mu gushaka ubuzima bwiza, mu guhitamo icyo bifuza kubamo. Twiyumvamo inshingano zo kubera abandi abahamya y'uko guhindura ibintu bishoboka, ko kugira ngo tugere k'u Rwanda twifuza kubamo no kuzasigira abazadukomokaho, bidusaba ko tuba benshi beza, basobanukiwe bityo ntituzaneshwe n'ababayeho batarasobanukirwa.

- **UBUHAMYA:** kuri njyewe urugendo rwa nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi 1994 ntirwari runyoroheye kuko nisanze mu gihugu mvuye mu buhungiro,umubyeyi wanjye yitaba INKIKO GACACA aranahanwa kubwo gusahura ibyo byatumye ateza umutungo w'urugo kugira ngo yishyure. kuba muri ubwo buzima rero

utarabihisemo cyane cyane nk'urubyiruko biragora kubyakira ariko kubera Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda,nasobanukiwe n'agaciro ko kugira igihugu kitamvangura,kimpa umwanya nkisanzura nkaganira n'urungano ibishyira imbere ubunyarwanda kuko ariko kubaho kwacu nk'abana b'u Rwanda uyu munsi n'ejo hazaza.

**Umusozo:**

- Urubyiruko rukuriye mu bunyarwanda, icyizere cyo kubaho kwacu n'u Rwanda.
- Mu gihe Leta y'u Rwanda ishyize imbere *UBUNYARWANDA* bwo sano-muzi y'Abanyarwanda, ni ngombwa ko uru rugendo turufatanya twese cyane cyane urubyiruko arirwo kubaho k'u Rwanda. Twese ntawe uzimiye ngo tumureke, ngo tumuhare mbese nk'uko Inkotanyi zanze guhara u Rwanda.
- Nkuko nyakubahwa President wa Repubulika abivuga neza ati: *Ntidushora gusubiza igihe inyuma cyangwa ngo tuvaneho ibibi byatubayeho ariko dufite ubushobozi bwo kugena ejo heza hazaza h'u Rwanda no gutuma ibyabaye bitazongera kuba ukundi…*
- Urubyiruko twirinde ingengabitekerezo ya jenoside n'amacakubiri, dufate ingamba twe turi mu Rwanda no mu mahanga tumenye ukuri ku mateka y'u Rwanda kandi dutore ishyaka gukunda igihugu.

*Umugereka wa 5:*

IJAMBO RISOZA IHURIRO RYA 13 RYA UNITY CLUB- HON. DR MONIQUE NSAZABAGANWA-UMUYOBOZI WA MBERE WUNGIRIJE WA UNITY CLUB

**Banyakubahwa mu Nzego Nkuru z'Igihugu cyacu,**

**Batumirwa bacu bahire,**

**Barinzi b'Igihango,**

**Bana bacu,**

**Bavandimwe Ntwararumuri,**

Mwiriwe neza!

Ndagira ngo mbanze mbashimire mwese uyu mwanya mwafashe, kugira ngo tuganire ku nsanganyamatsiko y'Ihuriro ryacu rya 13 igira, iti: *"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kwacu".*

Ndashimira abaduhaye ibiganiro, abatanze ibitekerezo, ari abo turi kumwe hano mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko n'abandi batumirwa bacu bari mu Ntara na Diasipora.

Turishimira ibyemezo-ngiro bivuye muri iri huriro, tukabizeza ko bizavamo gahunda y'ishyirwamubikorwa izakurikiranwa n'inzego bireba, mu bufatanye n'Ibiro bya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, nk'uko bisanzwe.

Ihuriro ryacu rikomeje kwimika urumuri dusanga muri *Ndi Umunyarwanda*, kugira ngo bidufashe guhora twisuzuma neza.

Mu mwiherero wacu wabereye i Gabiro mu 2013, dutangiza *Ndi Umunyarwanda*, icyifuzo gikuru cyacu cyari ugutanga inzira n'ibirango, kugira ngo *UBUNYARWANDA* bugerweho na buri wese, abushyikire neza, ku ntambwe ye, agere aho yivugira ubwe, ati: *Ndi Umunyarwanda* koko!

Kuba dukomeza kugaruka kuri *Ndi Umunyarwanda* si uko tugenda buhoro, si n'uko aho twerekeza tutahazi, ahubwo ni uko ari ubuzima bukwiye kuranga buri Munyarwanda aho ari hose, by'umwihariko twebwe INTWARARUMURI, tugakomeza kuba ku isonga, tukaba urumuri rw'Ubunyarwanda, tukarugeza no ku bandi. Twemera ko *Ndi Umunyarwanda*, ari Icyomoro, ikaba Igihango maze igahuza Abanyarwanda mu bibaranga by'iwabo, nta kwirengagiza ibyabagoye mu mateka, ariko bakabireba biyubakamo ubudaheranwa bakura mu Rwanda rwahisemo ubuzima, ubumwe, n'iterambere ry'abaruvuka bose, ntawe uhejwe; u Rwanda rwakiriye UBUDASA bwarwo, rukubakiraho kuba isonga, rwubaka icyiza.

Dukunze kubigarukaho, *Ndi Umunyarwanda* si amahame abantu bashyiraho ngo yubahirizwe gusa, ahubwo ni

imitekerereze n'imikorere, ni n'uburyo bwo kubaho, – **Mode de vie – Way of Life.**

Mu mahuriro yacu tuzagaruka kenshi ku nsanganyamatsiko zishimangira *Ndi Umunyarwanda*, tuzirikana za nkingi eshatu yubakiyeho, ari zo: Kwiyumvamo ubunyarwanda (The Rwandan Spirit), komora ibikomere by'amateka, no kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda.

**Banyakubahwa,**

Mu biganiro twagejejweho uyu munsi twagarutse kuri *Ndi Umunyarwanda* nk'imbaraga zo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside; *Ndi Umunyarwanda* itwubakamo ubudaheranwa, iduha n'inshingano zo kwanga ikibi, duharanira agaciro kacu, ni inzira twahisemo izadufasha kugaruka ku isoko no kubaka u Rwanda ruzira umwiryane, ivangura, guheza cyangwa n'ibindi byasasiye Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994.

Nk'uko twabigarutseho mu biganiro, urubyiruko rushyize imbere UBUNYARWANDA ni ko kubaho k'u Rwanda. Munyemerere ntire bimwe mu bitekerezo byatanzwe na bamwe mu rubyiruko bagira, bati:

- "Ukwemera gusumba ukundi kuri twe nk'urubyiruko, ni ukwemera ko u Rwanda ari urwacu natwe tukaba ab'u Rwanda, kandi tukamenya ko kugira u Rwanda rwiza ruteye imbere ari cyo twahisemo" (GASORE Serge).
- "Urubyiruko turishimira ko twakuriye mu gihugu gifite amateka mashya y'umudendezo ashingiye ku

ihame ry'Ubunyarwanda. Mu bumwe bw'Abanyarwanda twabonyemo umuti w'ibikomere by'amateka twanyuzemo, ndetse butubera umusingi ukomeye mu kubaka u Rwanda twifuza" (Iréné MIZERO).

Aba bato bacu, ni icyemezo cy'ubudaheranwa bahawe no kuba bakurira mu Gihugu kibaha bimwe mu by'imiryango yabo itabashije kubaha, na bo bakaba intwari bakamenya kwiyubaka, nk'uko babitugaragarije.

Nk'abakuru, ababyeyi n'abayobozi, dukomeze kuzirikana ku nshingano dufite yo kugira imiryango itekanye kandi ishoboye, imiryango irangwa n'indangagaciro, ikabera ababyiruka igicumbi cy'ubunyarwanda.

*Ndi Umunyarwanda* iduherekeze aho turi hose, itwinjize mu ikoranabuhanga no ku mbuga nkoranyambaga; kuko uwambaye ubunyarwanda agendana ubudahangarwa mu ngamba z'ubumenyi n'ubukungu, akamenya kurinda iby'u Rwanda, ibya none n'ejo hazaza.

Ni ngombwa ko uru rugendo turufatanya twese, cyane cyane urubyiruko, ari rwo kubaho k'u Rwanda.

Mu izina ry'Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri, mumfashe dushimire Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu cyacu burangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame akaba n'Umunyamuryango w'Icyubahiro wa Unity Club Intwararumuri, kuri byinshi ntagereranywa tubukesha, harimo n'urubuga nk'uru duhabwa buri mwaka ngo dutange umusanzu w'abayobozi bunze ubumwe mu kubaka Igihugu kidahangarwa.

Turashimira cyane Chairperson wacu, Nyakubahwa Jeannette Kagame; ni isoko y'ubudaheranwa ku banyamuryango ba Unity Club, ni imbaraga mu bitekerezo n'urumuri rw'umutima, kandi aduhora hafi, ngo mu nshingano Igihugu cyaduhaye habemo ubuhanga n'ubwitange, habemo kuzirikana agaciro k'u Rwanda n'abarwo.

Turabashima namwe banyamuryango n'inshuti zacu mwitabiriye iri huriro, by'umwihariko Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge dufatanya mu bikorwa by'Ihuriro, na RBA twafatanyije mu buryo budasanzwe muri ibi bihe bya Covid-19 tukaba twabashije kugira Ihuriro ryiza binyuze mu ikoranabuhanga mu itumanaho. Nta gushidikanya ko ibyo twaganiriye bizagira akamaro kuko abashyize hamwe Imana y'I Rwanda ibasanga.

**KURI TWESE HAMWE N'ABACU BOSE, NDI UMUNYARWANDA IKOMEZE IBE IGITEKEREZO-NGENGA CY'UKUBAHO KWACU.**

**MURAKOZE, MURAGAHORANA U RWANDA.**

*Umugereka wa 6:*

**GAHUNDA Y'ISHYIRWAMUBIKORWA RY'IBYEMEZO - NGIRO BY'IHURIRO RYA 13 RYA UNITY CLUB**

| **Ibyemezo-ngiro** | **Igikorwa** | **Inzego bireba** | **Abafatanyabi-korwa** | **Igihe (propasal)** |
|---|---|---|---|---|
| 1.Gukomeza kubaka urubuga rutekanye kandi ruhoraho rw'ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda" kugira ngo Abanyarwanda bari mu Gihugu | 1. Gushyiraho amabwiriza asaba inzego zose zikorera mu gihugu gushyiraho urubuga rw'ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda inshuro ebyiri mu mwaka no kugenzura ko bikorwa | Primature | MINALOC<br>MIFOTRA<br>MINAFFET<br>NURC<br>CSO<br>FBO<br>PSF | Nyakanga 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| no mu mahanga, aho batuye n'aho bakorera, bakomeze komorana ibikomere, kwimakaza Ubunyarwanda no kugira icyerekezo kimwe | 2. Kugena ingingo z'ibiganiro (topics) zizajya ziganirwaho n'uburyo bizakorwamo | NURC | Unity Club<br>Komite Tekinike ya Ndi Umunyarwanda<br>CSOs<br>FBOS | Werurwe – Kamena 2021 |
| | 3. Gutoranya no guhugura Abayoborabiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu nzego za Leta, Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Abikorera | NURC | Unity Club<br>RGB<br>CSOs<br>FBOS<br>PSF | Gicurasi – Nyakanga 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 2. Gushyiraho uburyo bwo kwinjiza "Ndi Umunyarwanda" mu mibereho n'imigenzereze ya buri munsi y'Umunyarwanda biciye mu nzego zose hakanashyirwaho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura intambwe igenda iterwa | 4. Gushishikariza inzego zoze z'imirimo kuganira no gukora icyegeranyo kigaragaza indangagaciro nyarwanda na kirazira zikwiye kuranga urwego rw'umurimo n'uburyo bwo gukurikirana ko zishyirwa mu bikorwa. | NURC | MIFOTRA<br><br>MYCULTURE<br><br>NIC<br><br>Unity Club | Nyakanga 2021-Kamena 2021 |
| | 5. Gushyiraho uburyo buhoraho bwo gukurikirana no gusuzuma (M&E) intambwe imaze guterwa mu gutoza Abanyarwanda gushyira imbere Ndi Umunyarwanda n'uko bwimakazwa mu buzima | NURC | Unity Club<br><br>Academia | Mu gihe giciriritse nibura buri myaka 5 mu bushakashatsi ku Gipimo cy'Ubwiyunge |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | bwa buri munsi mu nzego zose | | | |
| 3. Kongera no guhuza imbaraga mu bikorwa bigamije gukomeza kugaragaza ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, kurwanya ingengabitekerezo yayo, ihakana n'ipfobya byayo nk'inshingano ya buri wese | 6. Gushyiraho urubuga (plateform) rw'abafatanyabikorwa mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside ruhurizwaho amakuru y'ingenzi yafasha abashaka kugaragaza ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. | CNLG | Inteko IshingaAmategeko, umutwe wa SENA<br><br>Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira jenoside, kandi rirwanya ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF)<br><br>MINICT | Werurwe 2021-Gukomeza |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | MINIJUST<br>MINAFFETT<br>RGB<br>NURC<br>Unity Club | |
| | 7. Gushyira imbaraga mu biganiro bigamije kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo ihakana n'ipfobya, mu buryo buhoraho ku rwego rw' Imidugudu no muri RCA (Rwandan Community Abroad). (Ibiganiro bigategurwa hazirikanwa umwihariko wa buri Karere) | CNLG | Inteko Ishinga Amategeko, umutwe wa SENA<br><br>Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira jenoside, kandi rirwanya ipfobya n'ihakana rya jenoside | Guhera<br><br>Werurwe 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | yakorewe abatutsi (AGPF)<br><br>Itangazamakuru<br>MINALOC<br>MINAFFET | |
| 4.Gukomeza gukangurira urubyiruko rwo mu Rwanda no mu mahanga, mu muryango, mu mashuri n'ahandi hose ruhurira, guhora ruzirikana agaciro ko | 8. Gushishikariza urubyiruko kumenya no gukoresha imbuga (online platforms) zarufasha gusobanukirwa amateka y'u Rwanda | MYCULTURE | MINAFEET<br>MINICT<br>CNLG<br>NURC<br>Unity Club | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| kugira Igihugu, ruharanira kucyubaka no kukirinda | 9. Gukoresha amarushanwa mu mashuri makuru na za kaminuza, agamije kubafasha kugaragaza ubumenyi bafite kuri Ndi Umunyarwanda no kubusangiza bagenzi babo n'Abanyarwanda muri rusange. | Unity Club | NURC<br>MYCULTURE<br>MINEDUC<br>HEC<br>Rwanda Defence Force Command and Staff College (RDFCSC)/ Nyakinama | Werurwe 2021-Ukuboza 2021 |
| | 10. Gutegura ibiganiro kuri Radio na TV bihuza Urubyiruko rwiga mu mashuri makuru na za | Unity Club | NURC<br>RBA | Buri gihembwe |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | kaminuza, Abarinzi b'Igihango n'Abanyamuryango ba Unity Club hagamijwe gusigasira umurage w'Ubunyarwanda. | | MYCULTURE<br><br>MINEDUC<br><br>HEC<br><br>Rwanda Defence Force Command and Staff College (RDFCSC)/ Nyakinama | |
| | 11.Gukomeza ubukangurambaga mu rubyiruko rushishikarizwa kwitabira amahuriro yabashyiriweho abafasha kwimakaza indangagaciro na kirazira, gusigasira no | MYCULTURE<br><br>/NYC | MINAFFET<br><br>NURC<br><br>Unity Club CSOs | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | kurinda ibyagezweho no gushyigikira Ndi Umunyarwanda. | | | |
| | 12. Gushyiraho umunsi ngarukamwaka uhuza urubyiruko ruherereye mu bihugu bitandukanye kugira ngo barusheho gusobanukirwa na Ndi Umunyarwanda no kugira uruhare mu kumenyekanisha isura nziza y'u Rwanda mu mahanga. | MINAFFET | MYCULTURE<br>NURC<br>Unity Club | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| 5. Kubaka ubushobozi bw'umuryango no gukomeza ingamba | 13. Gushyiraho urubuga rw'ibiganiro ruhuza ababyeyi n'abana bakaganirizwa ku mateka y'u Rwanda | MIGEPROF | MINEDUC<br>NURC | Nyakanga 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| mbonezamibanire zigamije gufasha abawugize komorana ibikomere bikomoka ku mateka mabi yaranze u Rwanda | binyuze ku maradiyo na televiziyo, umugoroba w'imiryango no mu miryango ishingiye ku myemerere. | | Unity Club CSOs<br>FBOs | |
| | 14. Gushyiraho itorero ry' ababyeyi rigamije kubafasha mu rugendo rwo komorana ibikomere no gusobanukirwa n'amateka kugira ngo babashe gufasha abakiri bato. | MIGEPROF | MYCULTURE<br>NIC<br>RBC<br>NIC<br>NURC<br>Unity Club | Guhera muri Nyakanga 2021 |
| | 15. Gushyiraho gahunda z'ubujyanama n'isanamitima ku miryango ifite ibibazo bishingiye ku mateka igihugu cyacu cyanyuzemo zigamije | MIGEPROF | MINISANTE/RBC<br>CSOs<br>FBOS | Guhera muri Nyakanga 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | kubafasha kubohoka mu rugendo rwo komorana ibikomere. | | | |
| | 16. Gushyiraho gahunda y'ubukangurambaga buhoraho bwo kwimakaza ubumwe mu muryango, no gukurikirana umusaruro butanga. | NURC | MIGEPROF<br><br>Unity Club | Ukwakira 2021 |
| 6. Gukomeza gukangurira abagize umuryango kwimakaza umuco w'ibiganiro, gutega abana | 17. Gahunda y'ubukangurambaga buhoraho bushishikariza ababyeyi kwimakaza umuco w'ibiganiro no gutega amatwi abana no kubatoza indangagaciro. | MIGEPROF | MINEDUC<br>MINALOC<br>NIC<br>Itangazamakuru<br>FBOS<br>CSOs | Guhera muri Nyakanga 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| amatwi, kubatoza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda kugira ngo bazikurane bityo umuryango ube koko igicumbi cy'Ubunyarwanda. | 18. Gushyiraho ibipimo (indicators ) n'uburyo buhoraho bwo gusuzuma impinduka n'inzitizi zigenda zigaragara mu mibanire myiza y'umuryango no gutoza abana indangagaciro nyarwanda | MIGEPROF | MINEDUC<br>MINALOC<br>NIC<br>Itangazamakuru<br>FBOS<br>CSOs | Nyakanga 2021-Ukuboza 2021 |

Printed in March 2021
By Pallotti Presse Ltd
P.O.Box 863 Kigali

**Contact us**

+250 788 501 868

iregine@unity-club.org

UnityClubRw

unityclub.intwararumuri@gmail.com

unityclub.intwararumuri@yahoo.com

www.unity-club.org

Po Box: 5300 Kigali